# Perezida Kagame yafunguye ku mugaragaro inyubako nshya ku mupaka uhuza u Rwanda na Congo

**Yanditswe na IGIHE**
**Kuya 2 Nzeri 2017**



*Perezida Kagame yafatanyije n'Umunyemari Howard Buffet mu gufungura Ibiro by'umupaka uhuza u Rwanda na RDC*

Perezida Kagame yafunguye ibiro bishya ku mupaka uhuza u Rwanda na Repubulika Iharanira Demokarasi ya Congo (La Corniche one stop border post) byubatswe kuva umwaka ushize mu Karere ka Rubavu, mu Murenge wa Gisenyi.

Umuhango wo gufungura uyu mupaka wabaye kuri uyu wa 1 Nzeri nyuma y'Ibirori byo Kwita Izina abana b'ingagi wabereye i Musanze, Perezida Kagame akaba yafatanyije n'Umunyemari Howard Buffet n'abandi bayobozi mu nzego nkuru z'u Rwanda.

Inyubako yatashywe irimo igice kigenewe Ibiro by'Abinjira n'Abasohoka, Magerwa, Ibiro by'abashinzwe ibijyanye n'imisoro n'amahoro n'ibindi, ikaba yitezwho kunoza serivisi z'abinjira n'abasohoka no guteza imbere ubucuruzi hagati y'u Rwanda na Repubulika Iharanira Demokarasi ya Congo.

La Croniche One-Stop Border Post yuzuye itwaye miliyoni 9 z'amadolari ya Amerika yatanzwe na Howard G Buffett, wanatanze andi nk'ayo ku ruhande rwa Repubulika Iharanira Demokarasi ya Congo ikiri kubaka ku ruhande rwayo.



*Perezida Kagame na Buffet bafungura ku mugaragaro iyi nyubako*



*Howard Buffet aganira n'abayobozi bitabiriye ifungurwa ry'uyu mupaka*


REPUBLIC OF RWANDA
LA CORNICHE ONE STOP BORDER POST


La Corniche One Stop Border Post - Rubavu
inaugurated by
His Excellency PAUL KAGAME
President of the Republic of Rwanda
01st September 2017




---

**JK** : *Kuki batatubwira impamvu uyu muzungu yubakiye u Rwanda uyu mupaka uruhuza na Congo ? U Rwanda rwo rwamuhaye iki ?*
*Mbese uyu munyemali mugihe azajya anyura kuli uyu mupaka we, ndavuga ko ali uwe kuko niwe wawubatse ;  ninde uzajya atinyuka kureba ibyo yambukanye yaba ajya cyangwa ava muli Congo ? Dore ko banatubwira ko n'uwo muli Congo  aliwe uli kuwubaka ?*